... N'UBUCUKUZI MU RWEGO RWA MBERE RWAIJIJE URU RUBANZA MU RUHAME MULI UBU BURYO BUKULIKIRA:

---

République Rwandaise ... RY'URUBANZA MU RUHAME RYO KUWA 28/4/93.

Au nom du Peuple Rwandais

H A B U R A N A :

U R E G A : Madame MUKAMUGEMA Marie Claire, fille de Mbonyumutwa et de Nyirabuhake, représentée par Maître Ngimbanyi Octave.

U R E G W A : Etat Rwandais MINITRAPE, en la personne de son Ministre, B.P. 24 KIGALI.

IKIREGERWA :
1. Légalisation de l'inhumation de Mbonyumutwa Dominique à la place dite place de la démocratie identification et protection de la place.
2. Construire et aménager la tombe comme promis et entretien des lieux.

---

RÉPUBLIQUE RWANDAISE – TRIBUNAL DE PREMIÈRE INSTANCE – KIGALI

## URUKIKO.-

RUMAZE kubona ko uru rubanza rwatangiliye muli uru Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali kuwa 14/1/1993 rukandikwa mu gitabo cy'ibirego cy'urukiko kuli n° R.C. 20.139/93;

RUMAZE kubona Itegeko rya Prezida w'urukiko lishyiraho umunsi w'iburanisha ry'urubanza ryo kuwa 13/4/I993, uwo munsi ugeze Urukiko ruhamagaje urubanza rusanga hitabye NGIMBANYI O. uhagaraliye MUKAMUGEMA naho Leta y'u Rwanda MINITRAPE ititabye kandi yaramenyeshejwe umunsi w'iburanisha;

RUMAZE kumva Maître NGIMBANYI O. uhagaraliye Mme MUKAMUGEMA Marie Claire asobanura ko Munyamasoko Jovite akora muli MINITRAPE akaba ariwe washyikilijwe urupapuro ruyihamagara bityo ihamagarwa likaba ryarakulije amategeko, noneho abazwa impamvu atasinye ko azagusohoza ubwo butumwa avuga ko we icyo yari ashinzwe ari ugushyikiliza urwo rupapuro umuyobozi wa service contentieux. Kandi Munyamasoko akaba alimo akora kuko atari ahari bityo Urukiko rufata icyemezo cyo kuburanisha uru rubanza kubera ko bigaragara ko Leta y'u Rwanda yamenyeshejwe iyi taliki binyuze ku mukozi wayo kandi hakaba nta wanyomoza umuhesha w'urukiko;

..../....

banuro by'ikirego cya MUKAMUGEMA bikubiye mu mwanzuro yatanze, mu magambo make avuga ko MBONYUMUTWA Dominique yitabye Imana, noneho kubera icyubahiro Leta y'u Rwanda yamuhaye ahambwa i Gitarama kuli Stade de la Démocratie, ko aho yahambwe ubu nta zina rihari hakaba hatanitabwaho, n'izina Place de la Démocratie ntaho riri, ubwo iyo mva ikaba idafite izina, Ministri w'Imilimo ya Leta n'Ingufu amaze kwandikirwa n'umwe mu bana ba MBONYUMUTWA, yamwemereye ko ibyo byose bizakorwa mu mpera za Kamena 1992, ko rero basaba Urukiko gutegeka Leta y'u Rwanda MINITRAPE kubahiliza ayo masezerano yanditse kuwa 15/4/1992 mu ibaruwa n°11.03.031/4412, anavuga ko nta acte législatif ihita place de la Démocratie ko rero aho hantu bahegulirwa bakita ku mva ya se, arangiza asaba indishyi y'ifaranga limwe kuko byamubabaje cyane;

RUMAZE kumva Madame MUKAMUGEMA yungamo avuga ko iyo mva ya se n'ubu itagira izina ntibabe nibura barashyizeho aya se, akaba asaba kuhegulirwa akabyiyandikiraho kandi akajya ahitunganyiliza uko bikwiye kuko se yanabaye Perezida wa Repubulika;

RUMAZE kubona ko nta yindi ngingo isigaye gusuzumwa uretse gukemura urubanza;

RUSANZE ikirego cya MUKAMUGEMA gikwiye kwakirwa kigasuzumwa kuko cyatanzwe mu buryo buhuje n'amategeko;

REPUBLIQUE RWANDAISE – TRIBUNAL DE PREMIERE INSTANCE KIGALI

RUSANZE Leta y'u Rwanda mu izina rya Ministeri y'Imilimo ya Leta n'Ingufu, ibyibukijwe na Mukamugema mu ibaruwa ye yo kuwa 02 Mata 1992 kimwe n'ibaruwa n°11.06/03/611 yo kuwa 11/4/1992 ya Ministri w'Amashuli Makuru n'Ubushakashatsi mu by'Ubuhanga, yariyemeje gutunganya gufata neza no kubahiliza ahashyinguwe Nyakwigendera MBONYUMUTWA Dominique wabaye Perezida wa Mbere wa Repubulika y'u Rwanda;

RUSANZE muri iyo baruwa yo kuwa 15/4/1992 n°11/03.031/2/412 Ministri w'Imilimo ya Leta n'Ingufu n'Amazi yaratanze gahunda y'ibikorwa izatunganya kuri iyo mva ubu iri ahitwa "Stade de la Démocratie", bityo ikaba itegetswe kubyubahiliza nk'uko na Perezida wa Repubulika yabyerekanye ategeka ko ishyingurwa ry'uwo munyacyubahiro ryakwishingirwa n' Igihugu maze akazajya ahora yibukwa;

RUSANZE MUKAMUGEMA akwiye indishyi z'akababaro z'ifaranga limwe ry'icyimaneza kuko Leta y'u Rwanda yatereranye imva y'umubyeyi we nk'uko yari yabyiyemeje;

KUBERA IZO MPAMVU ZOSE RUBONYE HARI UREGA WENYINE;

..../....

ryo kuwa 10 Kamena 1991, ingingo ya 14, 33, 91, 92, 93, na 94;

RUSHINGIYE ku Itegeko-Teka n°09/80 ryo kuwa 7/7/1980 rishinga imitunganyilize n'ububasha by'inkiko, cyane cyane ingingo ya 12, 76, 145, 155, 165, 199 na 200;

RUSHINGIYE ku Itegeko ryo kuwa 15/7/1964 rishinga imiburanishilize y'imanza z'abashugu n'ubucuruzi nk'uko ryahinduwe kuri bimwe kugeza ubu, ingingo ya 4, 5, 10, 12, 25, 81, 84, 186, 198, 201, 204-208, 216, 218, 222, 377, 379, 380 na 397;

RUSHINGIYE ku Itegeko n°12/84 ryo kuwa 12/5/1984 ryerekeye kuburanira cyangwa kunganira abandi mu nkiko, cyane cyane ingingo ya 1 n'iya 4;

RUSHINGIYE ku ngingo ya 33 y'Igitabo cya III cy'urwunge rw'Amategeko y'imboneza-mubano;

RWEMEJE kwakira ikirego cya MUKARUGEMA Mari Claire rugisuzumye rusanga gifite ishingiro;

RUKIJIJE KO Leta y'u Rwanda itsinzwe;

RUTEGETSE ko amagarama y'uru rubanza aherera ku isanduku ya Leta;

RUTEGETSE Leta y'u Rwanda Ministeri y'Imilimo ya Leta Ingufu n'Amazi, gutunganya, gufata neza no kubahiliza imva ya Nyakwigendera MBONYUMUTWA Dominique iri kuri Stade de la Démocratie i Gitarama;

RUTEGETSE Leta y'u Rwanda, Ministeri y'Imilimo ya Leta Ingufu n'Amazi guha MUKARUGEMA Marie Claire indishyi y'akababaro inwanye n'ifaranga limwe uru rubanza rukimara gusomwa;

RWACIWE bitinze kubera imilimo myinshi abacamanza bagize;

RUKIJIJWE RUTYO KANDI RUSOMEWE MU RUHAME RWA BENSHI NONE KUWA 28/4/1993 MU RUKIKO RWA MBERE RW'IREMEZO RWA KIGALI RULI I KIGALI HARI ABACAMANZA: HABIYAMBERE V.(Prezida), MATESO M. na MUKANTAGANIRA C. (Abajuji), SEBUKENE TH.(Umwanditsi).

ABACAMANZA:

JUJI: MATESO M. — PREZIDA: HABIYAMBERE V. -Sé- — JUJI: MUKANTAGANIRA C. — UMWANDITSI: SEBUKENE TH. -Sé-

En conséquence, la République Rwandaise mande et ordonne à tous huissiers, sur ce requis, de mettre le dit arrêt (ou le dit jugement etc.) à exécution, au Procureur de la République d'y tenir la main, à tous Commandants et Officiers de la Force Publique de porter main forte lorsqu'ils en seront légalement requis. En foi de quoi le présent arrêt (ou jugement etc.) a été signé par ........................

BYANDITSE ... KIGIYE ... /10/1993.

RWANDAISE ... TRIBUNAL DE PREMIÈRE INSTANCE ... KIGALI